Commission Diocésaine Justice et Paix/Nyundo

DIOCESE DE NYUNDO
COMMISSION DIOCESAINE JUSTICE ET PAIX
B.P. 85 GISENYI Tél : +250 788851184
E-mail : cdjp_nyundo@yahoo.fr

KOMISIYO Y'UBUTABERA N'AMAHORO IKOMEJE INZIRA YO GUFASHA ABANTU MU GUKEMURA AMAKIMBIRANE

Tariki ya 15/02/2019, kuri « Centre Culturel Vision Jeunesse Nouvelle », Komisiyo y'Ubutabera n'Amahoro ya Diyosezi ya Nyundo ifatanije na Komisiyo y'Ubutabera n'Amahoro y'Inama y'Abepiskopi Gatolika mu Rwanda yakoze ihuriro rigamije kuganira ku kubana mu mahoro, gukumira no kurwanya amakimbirane hagati y'abaturiye imipaka. Muri iryo huriro, harimo abahagarariye Kiliziya Gatolika ndetse n'itorero ry'abangilikani.

Mu bitabiriye iryo huriro, harimo Musenyeri Jean Marie Vianney Igisonga cy'Umwepiskopi wa Diyosezi ya Nyundo wari umuhagarariye ndetse akaba na none yari ahagarariye Musenyeri Antoine Kambanda, Arkepiskopi wa Kigali, akaba na Perezida wa Komisiyo y'Ubutabera n'Amahoro y'Inama y'Abepiskopi Gatolika mu Rwanda, hari kandi Bishop Augustin AHIMANA, Umushumba wa Diyosezi ya Kivu mu ba Anglikani, Padiri Gasana Vincent Umunyamabanga wa Komisiyo y'Ubutabera n'Amahoro y'Inama y'Abepiskopi Gatolika mu Rwanda, Umuyobozi w'Akarere ka Rubavu Bwana Gilbert HABYARIMANA, uhagarariye umuterankunga muri icyo gikorwa Bwana Pascal waturutse muri DDC/Suisse ndetse n'abaje baturutse mu Burundi mu madiyosezi ya Bujumbura n'i Bubanza, abaturutse muri Repubulika Iharanira Demokarasi ya Kongo mu madiyosezi ya Bukavu na Goma, abanyarwanda baturutse mu madiyosezi ya Cyangugu na

Nyundo, abakristu baturutse mu itorero ry'Abangilikani ba Kivu ndetse n'abaturutse i Goma. Uretse abo hari uhagarariye CAFOD ifite icyicaro i Goma. Hari kandi n'abakozi ba Komisiyo y'Ubutabera n'Amahoro y'Inama y'Abepiskopi Gatolika mu Rwanda ndetse n'aba Diyosezi ya Nyundo. Ihuriro ryari rifite abantu 210.

Muri iryo huriro, Padiri Etienne MUKERAGABIRO, Perezida wa Komisiyo y'Ubutabera n'Amahoro ya Diyosezi ya Nyundo yatangiye yifuriza ikaze abitabiriye ihuriro ndetse anabashishikariza gutanga umusanzu wabo batiziga. Yakomeje agaragaza abashyitsi bitabiriye ihuriro. Yanashimiye iki gikorwa mpuzamipaka kimaze igihe kiba kuko byatumye abantu basigaye babana nta kwishishanya.

Musenyeri Jean Marie Vianney NSENGUMUREMYI wavuze mw'izina ry'Umushumba wa Diyosezi ya Nyundo ndetse no mu izina rya Perezida wa Komisiyo y'Ubutabera n'Amahoro y'Inama y'Abepiskopi Gatolika mu Rwanda, yatangiye ashimira abitabiriye iyo nama ndetse anashimira ubufatanye bwa Kiliziya Gatolika n'itorero ry'Abangilikani kuba bashyira hamwe mu gushaka amahoro mubo bayoboye ndetse no mu biremwa by'Imana byose muri rusange. Yakomeje ashimira inzego bwite za Leta kubufatanye basanganzwe, byumwihariko ashimira Umuyobozi w'Akarere ka Rubavu ubwitange bwe no kuba igikorwa nk'iki gishobotse ko ari uruhare rw'ubuyobozi bwiza. Yahaye ikaze abantu bose abasaba kutaba abashyitsi ahubwo bakisanga. Avuga yuko kuganira ku mahoro ari byiza cyane kuko ntawe utishimira kugira amahoro, anavuga yuko kuba kumwe gutya bishimishije. Yashimiye kandi abateguye ihuriro kuko batekereje k'ubutumwa bwa Papa bwo ku itariki ya 1/1/2019 aho bugira buti : « **Ubuyobozi bwiza buharanira amahoro** ».

Yakomeje avuga yuko afunguye k'umugaragaro ihuriro kandi ko turi bukure byinshi muri ubwo butumwa bwa Papa kuko amahoro agomba guhera mu ngo zacu kandi ko kuba abantu bari kumwe batandukanye ari ingabire ikomeye yatuma twese dushakira hamwe amahoro.

Padiri Vincent GASANA, Umunyamabanga wa Komisiyo y'Ubutabera n'Amahoro y'Inama y'Abepiskopi Gatolika mu Rwanda yagarutse cyane kuri uwo mushinga agaragaza yuko ukorera mu Turere dutatu tw'igihugu aritwo Nyanza mu Ntara y'Amajyepfo, Karongi na Rubavu mu Ntara y'Iburengerazuba. Ko ari umushinga « ushimangira imiyoborere myiza aho buri wese afitemo uruhare, gukumira no kurwanya amakimbirane ». Akaba ari umushinga uterwa inkunga n'ibiro bishinzwe amajyambere ndetse n'ubufatanye bya Abasuwisi na « Secours Catholique » y'Abafaransa. Ni muri urwo rwego Komisiyo y'Ubutabera n'Amahoro y'Inama y'Abepiskopi Gatolika mu Rwanda ifatanyije na Komisiyo y'Ubutabera n'Amahoro ya Diyosezi ya Nyundo yateguye iki gikorwa gihuje Kiliziya Gatolika n'itorerero ry'Abangilikani mu kubanisha abantu mu mahoro ndetse no gukumira no kurwanya amakimbirane mpuzamipaka. Yakomeje asobanura umushinga wose, aboneraho kugaragaza uruhare rwa Komisiyo y'Ubutabera n'Amahoro mu nzira yo gushakira abaturage amahoro arambye mu biyaga bigari

Umuyobozi w'Akarere ka Rubavu Bwana HABYARIMANA Gilbert, mu gufungura inama ku mugaragaro yatangiye ashimira Bishop Augustin ndetse na Musenyeri Jean Marie Vianney kuba baratumiye ubuyobozi bw'Akarere kandi ko anejejwe no kuba yahabonetse.

Yashimiye abateguye neza icyo gikorwa. Avuga yuko ari igihe cyiza cyo kuvuga

amahoro mu biyaga bigari.

Avuga yuko ariyo mpamvu nk'abayobozi bishimiye iyi gahunda. Gukumira no gukemura amakimbirane ntawe uhutajwe ni ikintu cyiza kugira ngo dutere imbere mu buzima. Yakomeje avuga yuko Nyakubahwa Perezida wa Repubulika w'u Rwanda akunze kugaruka cyane k'umutekano n'amahoro mu muryango kuko ariho byose bikwiye guhera. Avuga yuko ubumwe bw'abanyarwanda ari igihe umwe abona mugenzi we akumva bose ari abanyarwanda kandi bikamutera ishema ryo kwitwa umunyarwanda ndetse byarenga akumva yishimiye kwitwa umunyafrika. Yakomeje ashimira na none abantu bose bubaka amahoro. Avuga yuko muri gahunda y'umunsi kuganira ku mahoro ari ingenzi kandi anizeza yuko niba hari n'ubuvugizi bukenewe buzakorwa. Yanasabye ko bareba n'ibintu byazanira abaturage amajyambere cyane cyane batera intambwe mu bukungu. Ndasaba abaje bahagarariye abandi, abaturutse hirya no hino ko twakubaka duhereye mu muryango maze abana bagakurana umuco w'amahoro. Yongeye gusaba Komisiyo y'Ubutabera n'Amahoro by'umwihariko gufasha Akarere ka Rubavu cyane cyane mu Mirenge bafitemo ibikorwa Kanama, Nyundo na Gisenyi kwita ku miryango ifite ibibazo by'amakimbirane kugira ngo babashe kubana mu mahoro. Yibukije yuko nitwubaka umuryango ufite amahoro, abana bawuvukiyemo bakabyigishwa, bakamenya gukumira no guhosa amakimbirane amahoro tuzayagira arambye. Turava hano dufashe ingamba yo kujya gufasha abandi kubaho mu mahoro no kugira uburyo bwo gukumira no gukemura amakimbirane aho kwirukira inzira zidakwiye zituma turushaho kwangana. Yashoje ashimira buri wese witabiriye inama uruhare ari bugaragaze ndetse anafungura k'umugaragaro iyo nama.

Nyuma hakomeje ikiganiro cyari giteganijwe, cyagarutse ku ibaruwa ya Papa Fransisko yandikiye abakristu b'isi yose ku munsi mpuzamahaga wo gusaba amahoro wo ku itariki 1/01/2019. Iyo baruwa yatanzwe n'abari bavuye muri Kaminuza (ISPR). Ni urwandiko rwavugaga ku

« Ubuyobozi bwiza buharanira amahoro »..

Nkuko ubwo butumwa bwasomewe abantu ndetse bukagarukwaho kugira ngo abantu barusheho kubusobanukirwa neza mu nzira yo guharanira amahoro, abatanze ikiganiro barushijeho gusesengura ibyazana amahoro n'uburyo abantu barushaho kubijyamo ndetse banavuga kubibangamira amahoro. Nkuko urwo rwandiko rufite ingingo zirindwi. Bagerageje kuzivugaho bihuse. Ku ngingo ya :

1. **Amahoro kuri iyi nzu** : Ubutumwa bw'ibanze Yezu Kristu yabahaye ni ubwo gutanga amahoro. Ayo mahoro ahabwa buri wese uyanyotewe, uri mu byago no mu ntambara byakunze kuranga amateka y'isi. "Inzu" ivugwa na Yezu, ni buri muryango, buri kominote, buri gihugu, buri mugabane, mu mwihariko wa buri cyose mu mateka yacyo; ariko mbere ya byose ni buri muntu nta vangura iryo ari ryo ryose. Ni n'isi Imana yaduhaye kandi idusaba kuyibungabunga
2. **Ingorane ubuyobozi buhura na zo mu guharanira amahoro** : Birazwi neza ko iyo abantu bashaka kugera ku buyobozi byanze bikunze bashobora kugira abo bahutaza cyangwa barenganya. Politiki ikwiye gushyira imbere imibereho myiza y'abaturage. Nyamara iyo abayobozi badakoresheje imyanya bafite mu gukorera abaturage bose bashinzwe kuyobora, Politiki ishobora guhinduka intwaro ikoreshwa mu gutsikamira abandi, kubaheza ndetse no gusenya. Nyuma y'icyo kiganiro, habaye ko buri bantu bitabiriye icyo gikorwa bavuga uburyo babayeho n'ibyo bakora bibumbatira amahoro ndetse n'ibibagora. Ndetse nyuma y'aho haba kujya gukorera mu matsinda.

3. Ubuyobozi buharanira uburenganzira bwa muntu n'amahoro burangwa n'urukundo n'imigenzo myiza: Uyu ni wo murongo abayobozi abo ari bo bose bakwiye guhurizaho. Niba bashaka gukorera hamwe mu guharanira inyungu rusange, bagomba kurangwa n'indangagaciro z'umuyobozi mwiza ari zo : ubutabera, ukudasumbanya abantu, kubaha buri wese, ukuri, ubudahemuka, n'ubunyangamugayo.

4. **Imigenzereze mibi mu buyobozi**: Nubwo tumaze kubona indangagaciro z'ubuyobozi bwiza, ntibibuza ko habaho abayobozi barangwa n'imigenzereze mibi biturutse ku bushobozi buke, bayishowemo n'abandi se cyangwa bitwaje urwego bariho. Mu by'ukuri, iyo migenzereze mibi ituma ubuyobozi butakarizwa icyizere bigatuma igitsure cy'ubutegetsi, ibyemezo n'ibikorwa by'abayobozi bitagira agaciro. Imigenzereze mibi y'ubuyobozi ibangamira ihame rya demokarasi, igatuma abayobozi basuzugurwa kandi abantu ntibabe bagishyize hamwe.
5. **Ubuyobozi bwiza bufatanya n'urubyiruko kubaka ahazaza heza:** Iyo ubuyobozi bushyize imbere inyungu z'agatsiko k'abantu bamwe gusa, abasigaye babona nta ho bagana, bigatuma nk'urubyiruko rushobora kugwa mu mutego wo kutagira icyo rwitaho, kubera ko ruba rusanga rwarahejwe, rudahabwa umwanya wo kugira uruhare mu gutegura ejo hazaza. Iyo ubuyobozi burangwa no gukuza impano ziri mu rubyiruko no kurufasha kunoza ibyo rushoboye, amahoro araganza kuko buri wese aba afite icyizere cy'ahazaza he. Bituma abantu bizerana kuko umwe aba yibwira ati "ndakwizeye kandi ndemera" ko duhuza imbaraga mu guharanira inyungu rusange. Iyo ubuyobozi bufashe uwo murongo wo guha agaciro impano za buri wese n'ubushobozi bwe, buba isoko y'amahoro.

6. **Twamagane intambara n'iterabwoba**: Muri iki gihe turibuka urubyiruko rutabarika n'imiryango yatikiriye mu ntambara ya mbere y'isi yose mu myaka 100 ishize. Ni umwanya ukomeye cyane wo kurushaho kuzirikana ku isomo dukura mu ntambara zigenda ziba hagati y'abavandimwe: Amahoro ntatangwa no kugira imbaraga cyangwa gutera ubwoba. Iyo utera abandi ubwoba uba ushatse kubahindura ibikoresho byawe no kubatesha agaciro. Ni yo mpamvu nongeye guhamya ko iterabwoba no kwigwizaho intwaro za kirimbuzi bibangamiye cyane ubupfura n'umubano mwiza mu bantu.
7. **Amahoro ni umushinga mugari**: Muri iyi minsi turimo guhimbaza isabukuru y'imyaka 70 habayeyo itangazo mpuzamahanga ry'uburenganzira bwa muntu ryasinywe nyuma y'intambara ya kabiri y'isi yose. Nitwibuke amagambo ya Mutagatifu Yohani wa 23 agira ati « Ubu noneho ubwo umuntu amenye agaciro k'uburenganzira bwe, umutimanama we ugiye kumutera guhora azirikana ku nshingano zijyanye na bwo . Agomba kumenya ko uburenganzira bwe bwite n'icyubahiro cye ari we wa mbere wo kubihesha agaciro, naho abandi bakaba bagomba kumenya ko abufite no kubwubaha ».

Icyo kiganiro kirangiye, hakomerejeho amatsinda ku buryo buri bantu bagiye mu matsinda nk'uko baje. Habaye amatsinda akurikira : Paruwasi ya Muhato ukwayo, Gisenyi ukwayo, Nyundo ukwayo, Abavuye muri Diyosezi ya Goma ukwabo na Diyosezi ya Kivu y'Abangilikani ukwabo. Bose barebeye hamwe uko barushaho gukemura amakimbirane bahura nayo ndetse n'imbogamizi babonamo.

Nyuma y'amatsinda, abantu barasabanye, barasangira nk'abavandimwe bahuje.

Mu gusoza, Musenyeri Jean Marie Vianney yashimiye byimazeyo uko icyo gikorwa cyitabiriwe kandi asaba buri wese waje kuba koko intumwa yo gukumira no gukemura amakimbirane aba hagati y'abo baturanye.

TWAHIRWA Jean

Umuhuzabikorwa wa CDJP/Nyundo